REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RW'IKIRENGA

# RAPORO Y'IBIKORWA BY'URWEGO RW'UBUCAMANZA Y'UMWAKA 2018-2019



www.judiciary.gov.rw

## IBIKUBIYE MURI IYI NYANDIKO


UBUSOBANURO KU MPINAMAGAMBO....v

URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE....vi

URUTONDE RW'AMASHUSHO....vii

IJAMBO RY'IBANZE....1

I. KUNOZA SERIVISI ZIHABWA ABAGANA INKIKO....3

I.1 Ivugurura rigamije kunoza serivisi zihabwa abagana inkiko....3

I.2 Ikoranabuhanga mu mikorere y'inkiko....4

I.1.1 Ibyakozwe mu kubaka ikoranabuhanga kuva muri 2011/2012....4

I.1.1 .1 Ikoranabuhanga rya Electronic Filing System, (EFS) ....4

I.1.1.2 Ikoranabuhanga rya IECMS....4

I.1.1.3 Imishinga y'ikoranabuhanga ryunganira IECMS....5

I.3 Gukurikirana uko abaturage bahabwa serivisi no kubamenyesha imikorere y'inkiko....7

I.3.1 Gukurikirana uko abaturage bahabwa serivisi mu nkiko....7

I.3.2 Kumenyesha abaturage imikorere y'inkiko....7

1.3.3 Icyumweru cy'ubucamanza....7

II. GUTANGA UBUTABERA BUNOZE KANDI BWIHUSE....12

II.1 Gutanga ubutabera bwihuse....12

II.1.1 Kwakira ibirego no gushunguramo ibitujuje ibisabwa....12

II.1.2 Imanza zarangiriye mu nama ntegurarubanza....13

II.1.3 Imanza abacamanza bumvikanishijemo ababuranyi....14

II.1.4 Igihe urubanza rumara mu rukiko....14

II.1.5 Imanza zinjiye....15

II.1.5.1 Imanza zinjiye muri rusange....16

II.1.5. 2 Imanza zinjiye ukurikije ubwoko bwazo....17

II.1.6 Imanza zaciwe....20

II.1.6 Imanza zasubitswe....................................................................................22
II.1.7 Imanza zisigaye mu nkiko n'izabaye ibirarane...............................................23
II.1.8 Ibyemezo ku ifunga cyangwa ifungura by'agateganyo...............................24
II.1.7 Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu nkiko za gisirikare.............................26
II.2 GUTANGA UBUTABERA BUNOZE...................................................................28
II.2.1 Guhuza imicire y'imanza.............................................................................28
II.2.1.1 Gutangaza imanza zitanga umurongo mu cyegeranyo cyabugenewe......28
II.2.2.2 Kuganira ku manza zaciwe.......................................................................30
II.2.2.3 Imanza zahinduwe mu bujurire.................................................................31
II.2.3 Kugenzura ubudakemwa bw'imanza...............................................................32
II.2.4. Imanza zasubirishijwemo ku mpamvu z'akarengane.....................................32
III. IMIYOBORERE NO KUBAKA UBUSHOBOZI BW'URWEGO RW'UBUCAMANZA...34
III.1 Kuboneza imiyoborere.......................................................................................34
III.1.1 Umwiherero....................................................................................................34
III.1.2 Inama mbonezamikorere.................................................................................35
III.1.3 Gusura inkiko..................................................................................................35
III.1.4 Kurwanya ruswa mu nkiko no kwita ku myitwarire y'abakozi.......................36
III.1.4.1 Guharanira imyitwarire iboneye ku bacamanza n'abandi bakozi b'inkiko.36
III.1.4.2 Gukangurira abaturage kwirinda no kwamagana ruswa..........................37
3.1.4.2 Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko zose........................................38
3.1.4.3 Gukorera mu mucyo........................................................................................38
III.1.4.5 Gukusanya imibare y'abahamwe n'icyaha cya ruswa...............................38
III.1.5 Kwakira indahiro z'abayobozi..........................................................................40
III.1.6 Gushimangira imikoranire n'abafatanyabikorwa.............................................41
III.2 Kubaka ubushobozi bw'abakozi..........................................................................42
III.3 Guha inkiko abakozi, aho gukorera n'ibikoresho bya ngombwa.....................42
III.3.1 Guha inkiko abakozi..........................................................................................42

III.3.1 Gushakira inkiko aho gukorera haboneye........................................................44

III.3.1.1 Gukwirakwiza ibikorwaremezo n'ibikoresho by'ikoranabuhanga.............44

III.3.1.2 Inyubako nshya zubatswe.........................................................................46

IV. IMBOGAMIZI URWEGO RW'UBUCAMANZA RWAHUYE NAZO........................48

V. UMWANZURO..............................................................................................49

IMIGEREKA...................................................................................................50

Umugereka wa I: IBIREGO BYAKIRIWE N'INKIKO N'IBYEMEZO BYAFASHWE N'UBWANDITSI..................................................................................................50

Umugereka wa II: IMANZA ZINJIYE ..................................................................57

Umugereka wa III: IMANZA ZACIWE....................................................................64

Umugereka wa IV: IMANZA ZASIGAYE MU MPERA ZA KAMENA 2019.................65

## UBUSOBANURO KU MPINAMAGAMBO

CHC: Commercial High Court

CoA: Court of Appeal

DCRS: Digital Court Reporting System

DPS: Digital Presentation Systems

EFS: Electronic Filing System

HC: High Court

HCCIC: High Court Chamber for International Crimes

HQ: Head Quarter

IECMS: Integrated Electronic Case Management System

JPMS: Judicial Performance Management System

JRLOS: Justice, Reconciliation, Law and Order Sector

LAN: Local Area Network

REG: Rwanda Energy Group

RLRC: Rwanda Law Reform Commission

RRA: Rwanda Revenue Authority

SC: Supreme Court

TB: Tribunal de Base

TGI: Tribunal de Grande Instance

USAID: United State Agency for International Development

VCF: Video Conferencing Facility

WAN: Wide Area Network

LAN: Locan Area Network

WEF: World Economic Forum

## URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE


Imbonerahamwe 1: Ibyemezo byafashwe ku birego byakiriwe mu Nkiko z'Iban.....12

Imbonerahamwe 2: Ibyemezo byafashwe ku birego byakiriwe mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru.....13

Imbonerahamwe 3: Imanza zarangiriye mu nama ntegurarubanza.....14

Imbonerahamwe 4: Igihe urubanza rumara mu rukiko.....15

Imbonerahamwe 5: Imanza zaciwe kuri buri rukiko muri 2018/2019.....20

Imbonerahamwe 6: Ibyemezo ku ifungwa cyangwa ifungurwa by'agateganyo....25

Imbonerahamwe 7: Imanza ku byaha bigira ingaruka zikomeye ku gihugu.....25

Imbonerahamwe 8: Imanza zahinduwe mu bujurire.....31

Imbonerahamwe 9: Imanza zasabiwe gusubirwamo n'Urwego rw'Umuvunyi.....32

Imbonerahamwe 10: Umwiherero.....34

Imbonerahamwe 11: Imibare y'abahanwe n' Inama Nkuru y'ubucamanza.....36

Imbonerahamwe 12: Icyumweru ngarukamwaka cyo kurwanya ruswa.....37

Imbonerahamwe 13: Imibare y'ababuranishijwe ku cyaha cya ruswa muri 2018/2019.....38

Imbonerahamwe 14: Ibyaha bya ruswa byaburanishijwe mu nkiko muri 2018/2019:.....39

Imbonerahamwe 15: Kwakira indahiro z'abayobozi.....40

Imbonerahamwe 16: Amahugurwa yakozwe muri 2018/2019.....42

Imbonerahamwe 17: Imibare y'abacamanza hakurikijwe impamyabushobozi zabo.....43

Imbonerahamwe 18: Imibare y'abanditsi hakurikijwe impamyabushobozi zabo ...43

Imbonerahamwe 19: Ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga.....44

Imbonerahamwe 20: Ibikoresho by'ikoranabuhanga.....45

## URUTONDE RW'AMASHUSHO


Ishusho 1: Igihe urubanza rumara mu rukiko........................................................15

Ishusho 2: Imanza zinjiye mu nkiko.....................................................................16

Ishusho 3: Imanza zinjiye mu nkiko ukurikije ubwoko bwazo..................................17

Ishusho 4: Imanza zinjiye mu nkiko Ukurikije Ubwoko bwazo.................................18

Ishusho 5: Imanza zinjiye mu nkiko z'ubucuruzi ukurikije ubwoko bwazo................18

Ishusho 6: Imanza zinjiye muri buri rwego rw'inkiko...............................................19

Ishusho 7: Imanza zaciwe uzigereranije n'izinjiye kuva 2011/2012 kugeza 2018/2019.........................................................................................................21

Ishusho 8: Imanza zaciwe n'umucamanza/inteko ku kwezi.......................................22

Ishusho 9: Imanza zasubitswe..............................................................................23

Ishusho 10: Imanza zisigaye n'izabaye ibirarane...................................................24

Ishusho 11: Imanza ku byaha bigira ingaruka zikomeye ku gihugu.........................26

Ishusho 12: Imanza mu Rukiko rwa Gisirikare.......................................................27

Ishusho 13: Imanza mu Rukiko Rukuru rwa Gisirikare............................................27

Ishusho 14: Imanza zahinduwe mu bujurire...........................................................31

Ishusho 15: Inyubako y'Urugereko rw'Urukiko Rukuru rwa Nyanza..........................47

Ishusho 16: Inyubako izakorerwamo n'Inkiko z'Ubucuruzi.......................................47

# IJAMBO RY'IBANZE



Buri mwaka, Urwego rw'Ubucamanza rutangaza raporo ikubiyemo ibyo rwagezeho. Muri uyu mwaka wa 2018/2019 rurashyira ahagaragara raporo igaragaza ibyagezweho muri uyu mwaka ariko inagaruka ku byakozwe mu myaka 8 ya Manda y'abayobozi bakuru b'uru Rwego dore ko yegereje umusozo wayo. Ibyakozwe muri iyi myaka byibanze ku nkingi eshatu arizo:

- Kunoza servisi zihabwa abagana inkiko;
- Gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse, no;
- Kwimakaza imiyoborere myiza mu nkiko.

Mu rwego rwo kunoza serivisi zihabwa abagana inkiko, hibanzwe ku kugenzura ibibazo bizana abaturage kenshi ku nkiko no kubikemura. Imwe mu nzira zakoreshejwe mu kwegereza abaturage serivisi z'inkiko, ni ugukoresha ikoranababuhanga mu kazi kazo. Muri 2011 hatangiye gukoreshwa ikoranabuhanga ryifashishwaga gusa mu gutanga ibirego abaturage bataje ku nkiko, Electronic Filing System (EFS). Nyuma yo kubona ko abagana inkiko baryitabira cyane, dore ko mu mpera za 2014-2015, ibirego mu manza zitari inshinjabyaha byatanzwe hifashishijwe iri koranabuhanga byari bigeze kuri 61%, Urwego rw'Ubucamanza rufatanije n'izindi nzego zigira uruhare mu butabera, rwatangije ikoranabuhanga rya Integrated Electronic Case Management System (IECMS). Rifasha gutanga ibirego mu manza zose, guhererekanya amadosiye muri izi nzego no mu nkiko ubwazo, rikifashishwa kandi n'abacamanza mu guca imanza. Muri Mutarama 2016, ryatangiye gukoreshwa mu nkiko zo muri Kigali, nyuma y'amezi icyenda riza gusakazwa no mu zindi nkiko. Iri koranabuhanga rimaze guhindura imikorere y'inkiko mu kazi ko guca imanza no guhererekanya amakuru n'abagana inkiko ndetse no kugenzura imikorere yazo.

Mu cyerekezo cyo gukomeza kubyaza umusaruro ikoranabuhanga, Urwego rw'Ubucamanza rumaze kubona irindi koranabuhanga rya SOBANUZAINKIKO rifasha abaturage koherereza abayobozi amakuru cyangwa se gusaba gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane. Hari kandi n'imishinga yindi yatangiye, harimo ikoranabuhanga rizifashishwa mu micungire y'umusaruro w'Urwego rwose (Judicial Performance Management System) rizaza ryuzuzanya na IECMS rikareba ibikorerwa muri IECMS rikabihuza n'ibikorwa n'abandi bakozi b'inkiko rikagaragaza ibyo urwego rwagezeho mu ntego zarwo zose n'uruhare rwa buri mukozi muri byo.

Mu rwego rwo gutanga ubutabera bwihuse, mu myaka 8 ishize, inkiko zaciye imanza 590,338 harimo 72 684 zaciwe mu mwaka wa 2018/2019. Igihe rusange urubanza rumara ngo rube ruciwe, cyavuye ku mezi 7 kigera ku mezi 4. Isubikwa ry'imanza naryo riva kuri 29.78% rigera kuri 20%. Ku byerekeye gutanga ubutabera bunoze, ibipimo bigaragaza ko imanza zihindurwa mu bujurire zagiye zigabanuka ziva kuri 20% muri 2012/2013 rigera ku 8% muri 2018/2019. Ibi bigaragaza ko ingamba zo kongera ubudakemwa bw'imanza zakoreshejwe cyane cyane mu guhuza umurongo mu manza zicibwa no kongerera abacamanza ubumenyi mu micire y'imanza, zatanze umusaruro ushimishije.

Mu kwimakaza imiyoborere myiza mu nkiko, imbaraga zashyizwe mu kurwanya ruswa no kwita ku myitwarire ikwiye y'Abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko, gushakira inkiko abakozi bashoboye n'aho gukorera hakwiye. Mu bindi byakozwe, harimo inama zitandukanye n'ibiganiro bigamije gushakira hamwe ibisubizo ku bibazo byakunze kugaragara mu mikorere y'inkiko. Mu nzira zo gukemura ibibazo kandi havuguruwe imikorere, imiterere n'ububasha by'inkiko. Habayeho guhuza Inkiko z'ibanze ziva kuri 60 zigera kuri 41, inkiko z'ubucuruzi nazo zirahuzwa ziva kuri 3 hasigara 1. Hashyizweho kandi Urukiko rw'Ubujurire rwahawe bumwe mu bubasha bwahoze mu Rukiko rw'Ikirenga, rwo ruhabwa inshingano ikomeye yo guca imanza zagaragayemo akaregane n'iyo gutanga umurongo mu manza hagamijwe kugeza ku bagana inkiko ubutabera bwihuse kandi bunoze. Hanashyizweho amabwiriza mbonezamikorere ku miburanishirize y'imanza.

Ibyakozwe byatumye Urwego rw'Ubucamanza bw'U Rwanda rukomeza kugira umwanya mwiza mu bugenzuzi bukorwa n'ibigo mpuzamahanga nka World Economic Forum aho u Rwanda rwakomeje kuza mu myanya y'imbere mu bihugu bigenzurwa harebwa uko inkiko zigenga.

U Rwanda kandi rwahawe ibikombe by'ishimwe kubera ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu kugeza ubutabera ku baturage nk'uko byagarutsweho muri raporo zabanje.

Urwego rw'Ubucamanza rurashimira abagize uruhare mu gutuma rugera aho rugeze ubu. By'umwihariko rurashima Nyakubahwa Perezida wa Repubulika utarahwemye gushyigikira ibikorwa byo kwiyubaka k'Urwego mu ngeri zose zavuzwe haruguru. Rurashimira kandi abafatanyabikorwa baba inzego za Leta, iz'abikorera, imiryango itegamiye kuri Leta n'abafatanyabikorwa mu iterambere ku musanzu batanze mu kubaka uru Rwego.

Rurashimira n'abakozi barwo ku kazi keza bakoze, katumye haboneka umusaruro rwagezeho.

**Prof. Sam RUGEGE**
**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na**
**Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza.**

# I. KUNOZA SERIVISI ZIHABWA ABAGANA INKIKO

Urwego rw'Ubucamanza rwihaye intego yo guha abarugana serivisi zihuse kandi zinoze, nk'uburyo bwo kubaha icyizere ku butabera butangwa n'inkiko. Ni muri urwo rwego rwakomeje gushaka no gushyiraho ingamba zituma rugera kuri iyo ntego.

Muri iki gice, hagaragara ibyibanzweho mu kunoza serivisi zihabwa abagana inkiko kuva muri 2011/2012, aribyo ibi bikurikira:

- Ivugurura ry'ububasha, imiterere n'imikorere y'inkiko rigamijwe kunoza serivisi zihabwa abagana inkiko;
- Kwifashisha ikoranabuhanga mu kunoza imikorere y'inkiko;
- Gukurikirana uko abaturage bahabwa serivisi no kubamenyesha imikorere y'inkiko.

## I.1 Ivugurura rigamije kunoza serivisi zihabwa abagana inkiko

Muri 2012, habaye ivugurura rigamije gukemura ibibazo by'imanza nyinshi mu nkiko cyane cyane inkiko nkuru. Iri vugurura ryafashije gusaranganya imanza mu nkiko zose[1], no kongerera ububasha abanditsi mu rwego rwo kunoza imikorere[2], kongera umubare w'abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga[3] no gushyiraho Urugereko rw'Urukiko Rukuru ruburanisha ibyaha mpuzamahanga n'ibyambukiranya imipaka[4].

Muri 2015, habayeho kongera ububasha inkiko z'ibanze hagamijwe kugabanyiriza umutwaro inkiko zisumbuye[5].

Muri 2018, habaye ivugurura rigamije kunoza imikorere no kwihutisha serivisi zihabwa abagana inkiko ndetse no kurwanya ibirarane mu nkiko. Iri vugurura ryatanze imiterere mishya y'inkiko; Urukiko rw'Ikirenga ruhamana inshingano ikomeye yo guca imanza zagaragayemo akarengane no gutanga umurongo, hajyaho Urukiko rw'Ubujurire, Inkiko z'ibanze ziragabanywa ziva kuri 60 ziba 41, Inkiko z'ubucuruzi zigirwa rumwe. Muri urwo rwego kandi havuguruwe itegeko rigena ububasha bw'inkiko n'itegeko rigenga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ndetse rinahuzwa n'imikoreshereze ya IECMS. Iri tegeko ryahaye ububasha abacamanza bwo guca ihazabu mbonezamubano umuburanyi cyangwa Avoka ugaragayeho imyitwarire cyangwa ibikorwa bigamije gutinza urubanza. Ryashyizeho inzira yo kuburanisha ibirego bishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato (small claim procedure) mu nkiko z'ibanze.

---

*1 - Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ryasimbuye Itegeko Ngenga No 01/2004 ryo kuwa 29/1/2004 rigena imitunganirize, imikorere n'ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga.*
*- Itegeko Ngenga n° 06/2012/OL ryo kuwa 14/09/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko z'ubucuruzi ryasimbuye Itegeko Ngenga No 59/2007 ryo kuwa 16/12/ 2007 rishyiraho inkiko z'ubucuruzi rikanagena imiterere, imikorere n'ububasha byazo.*

## I.2 Ikoranabuhanga mu mikorere y'inkiko

Kugirango inkiko zuzuze inshingano yo gutanga ubutabera bunoze no mu gihe gikwiye, Urwego rw'Ubucamanza rwihaye icyerekezo cyo kwifashisha ikoranabuhanga.

Nyuma yo kubaka ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga mu nkiko no gushaka ibikoresho bigendanye naryo, byabaye ngombwa ko hatekerezwa ku ikoranabuhanga ryakwifashishwa mu kunoza imikorere.

Muri iki gika hagaragara urugendo rwo kubaka ikoranabuhanga mu mikorere y'inkiko ndetse n'umusaruro ryatanze haba mu rwego rwo kunoza serivisi zihabwa abagana inkiko, kunoza akazi k'abacamanza n'abanditsi no kubona amakuru ku migendekere y'urubanza kuva ikirego gitanzwe kugeza urubanza ruciwe burundu.

### I.1.1 Ibyakozwe mu kubaka ikoranabuhanga kuva muri 2011/2012

#### I.1.1 .1 Ikoranabuhanga rya Electronic Filing System, (EFS)

Iri koranabuhanga ryatangiye gukoreshwa muri 2011, ryafashaga abaturage gutanga ibirego bitabaye ngombwa ko baza ku rukiko. Gusa, ryagarukiraga ku gutanga ibirego nabwo mu nkiko zimwe na zimwe. Urwego rw'Ubucamanza rumaze kubona ubwitabire mu gukoresha iri koranabuhanga aho muri 2014/2015 abaryifashishije batanga ibirego bari 61.22%, hatekerejwe ikoranabuhanga ryakwifashishwa mu buryo bwagutse.

Mu ntangiriro za 2016, ikoranabuhanga rya EFS ryasimbuwe n'ikoranabuhanga rya Integrated Electronic Case Management System (IECMS).

#### I.1.1.2 Ikoranabuhanga rya IECMS

Iri koranabuhanga rifasha mu gutanga no kwakira ibirego, guhererekanya amakuru hagati y'inkiko n'abazigana, ihererekanya ry'amadosiye mu bakozi b'urukiko no hagati y'inkiko zitandukanye. Mu manza nshinjabyaha rifasha mu guhererekanya amadosiye hagati y'Inkiko, Ubugenzacyaha, Ubushinjacyaha n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Imfungwa n'Abagororwa.

---

*2 Itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ryasimbuye itegeko No 18/2004 ryo kuwa 20/6/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi*

*3 - Itegeko Ngenga No 01/2013/OL ryo kuwa 07/02/2013 rihindura kandi ryuzuza itegeko ngenga No 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'urukiko rw'Ikirenga.*

*4 - Itegeko Ngenga No 02/OL/2013 ryo kuwa 16/6/2013 rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga N0 51/2008 ryo kuwa 9/9/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko*

*- Itegeko Ngenga No 01/OL/2015 ryo kuwa 05/5/2015 ruhindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga N0 51/2008 ryo kuwa 9/9/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko*

- **Ikoranabuhanga rya IECMS mu micungire y'imanza**

Imiterere y'iri koranabuhanga yatumye haba impinduka zikomeye mu mikorere y'inkiko muri rusange by'umwihariko mu micungire y'imanza.

Ikoranabuhanga rya IECMS rifasha ababuranyi gutanga ibirego cyangwa imyanzuro yo kwiregura no gukurikirana imanza zabo bitabaye ngombwa kujya ku rukiko.

Abanditsi baryifashisha mu birebana n'iyandikwa n'iyakirwa ry'ikirego, gutumiza ababuranyi, gutegura no gukora inama ntegurarubanza, gukora gahunda y'iburanisha no kuyimenyesha ababuranyi.

Abacamanza baryifashisha bategura, baburanisha, banaca imanza ndetse bakanarikoresha batanga kopi z'imanza.

- **Ikoranabuhanga rya IECMS mu gutanga amakuru ku mikorere**

Iri koranabuhanga ritanga amakuru ku gihe kandi yuzuye. Ibi bituma ubuyobozi bw'inkiko bubasha gukurikirana mu buryo bworoshye uko imanza zinjira, zicibwa, zisubikwa ndetse n'izisigaye mu nkiko. Rigaragaza ku gihe ahari ibibazo birebana n'akazi k'inkiko bigafasha abayobozi gufata ingamba zo kubikemura no gukora igenamigambi rikwiye.

By'umwihariko, muri uyu mwaka w'ubucamanza dusoje, Urwego rw'Ubucamanza rwakoresheje imbaraga mu kurushaho kongera ubumenyi bw'abarikoresha mu micungire y'imanza (case management) no mu gutanga amakuru ku musaruro w'inkiko (courts performance). Raporo y'ibikorwa by'inkiko y'umwaka wa 2018/2019 ikaba ishingiye ku mibare yatanzwe na IECMS.

- **Ikoranabuhanga rya IECMS mu kugabanya ingengo y'imari mu bikorwa by'inkiko**

Iri koranabuhanga ryafashije mu kugabanya ku buryo bugaragara ingengo y'imari yifashishwaga mu gutumiza ababuranyi, guhererekanya amadosiye hagati y'inkiko, gukoresha impapuro, kubika amadosiye n'ibindi.

- **Ibyo iri koranabuhanga ryitezweho mu minsi iri mbere**

Mu rwego rwo kunoza ibyo IECMS ikora, biteganijwe ko izafasha mu gushyira inyandiko mpuruza kuri kopi y'urubanza, kurangiza imanza, gusinya kopi z'urubanza hifashishijwe ikoranabuhanga (e-signature).

---

*6 - Itegeko Ngenga Nº002/2018.OL ryo ku wa 04/04/2018 rishyiraho Urukiko rw'Ubujurire*
*- Itegeko Nº012/2018 ryo ku wa 04/04/2018 rigena imitunganyirize n'imikorere y'Ubutegetsi bw'Ubucamanza*
*- Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko*
*- Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi*

### I.1.1.3 Imishinga y'ikoranabuhanga ryunganira IECMS

Urwego rw'Ubucamanza rufite intego yo gukora akazi kose rwifashishije ikoranabunga kuko rwasanze rifasha cyane mu kunoza imikorere no kugera ku ntego yo gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse.

- **Ikoranabuhanga rya SOBANUZAINKIKO**

Ikoranabuhanga rya SOBANUZAINKIKO ryatangiye gukoreshwa kuwa 16 Kamena 2019, rikaba rifasha abaturage kugeza ibibazo n'ibitekerezo ku buyobozi bw'inkiko. Aho bakeka imikorere mibi cyangwa ruswa, bahatungira agatoki Ubugenzuzi bw'Inkiko bifashishije iri koranabuhanga.

Rifasha kandi abafite imanza zaciwe burundu bumvamo akarengane kwandikira abayobozi b'Inkiko zisumbuye ku zaciye imanza bwa nyuma, basaba ko zasubirwamo ku mpamvu z'akarengane bitabaye ngombwa ko baza ku rukiko. Iri korangabuhanga riboneka kuri: www.sobanuzainkiko.org .

- **Ikoranabuhanga rya Judicial Performance Management System, (JPMS).**

Iri koranabuhanga rizafasha Urwego rw'Ubucamanza guhuza iteganyamigambi mu gihe kigufi, ikiringaniye n'ikirekire. Rifasha kandi gukurikirana ibikorwa bya buri mukozi n'umusaruro yagezeho buri munsi, buri kwezi, buri gihembwe na buri mwaka n'uruhare rwa buri wese ku musaruro wose Urwego rwagezeho.

Iri koranabuhanga ryatangiye kubakwa, igice cyaryo cya mbere kireba ibijyanye n'ibipimo ku musaruro w'akazi gakorwa n'abacamanza n'abanditsi ribikuye muri IECMS cyararangiye. Ibipimo byerekeye akazi gakorwa n'abandi bakozi b'Urwego rw'Ubucamanza nabyo bizubakwa mu cyiciro cya kabiri n'icya gatatu.

Biteganijwe ko iri koranabuhanga rya JPMS rigomba gutangira gukoreshwa muri Mutarama 2020.

- **Ikoranabuhanga mu gutangaza imanza z'icyitegererezo n'amategeko akoreshwa mu Rwanda,**

Ku bufatanye na Komisiyo y'Igihugu ishinzwe kuvugurura amategeko (RLRC) n'Ikigo cya Lexbase, hatangiye gutegurwa umushinga w'ikoranabuhanga ritangazwaho imanza z'icyitegererezo zaciwe n'amategeko akoreshwa mu Rwanda. Ibi bizafasha abacamanza guhuza imirongo ku manza zicibwa, bityo byorohereze abaturage bifuza kuregera inkiko, kumenya imirongo yafashwe ku bibazo bisa n'ibyabo. Ibi bizongera ubudakemwa bw'imanza zicibwa binagabanye imanza zinjira mu nkiko.

- **Iburanisha ryifashisha Ikoranabuhanga/Virtual court and tele presence**

Undi mushinga w'iterambere ry'Urwego rw'Ubucamanza mu ikoranabuhanga ni ukugira iburanisha rikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga rya "Virtual court and tele presence", aho ababuranyi bashobora kuburana bitabaye ngombwa ko baza mu rukiko ndetse n'ushaka gukurikirana urubanza ashobora kubikora aho yaba ari hose ndetse n'urukiko rukaba rwabaza ababuranyi

cyangwa abatangabuhamya batagombye kuba bari mu rukiko. Ibi bikaba biteganijwe mu igenamigambi ry'igihe kirekire 2018-2024.

## I.3 Gukurikirana uko abaturage bahabwa serivisi no kubamenyesha imikorere y'inkiko.

Kugirango serivisi zihabwa abagana inkiko zibe zibanogeye, ni ngombwa gukurikirana uko bazihabwa, ngo hamenyekane ibyo gukosora. Ibi kandi bijyana no kubagezaho amakuru ya ngombwa bakeneye kugirango abafashe gusobanukirwa uburenganzira bwabo n'inshingano zabo. Ibi byatumye Urwego rw'Ubucamanza rushyiraho ingamba zo gukurikirana uko abagana inkiko bahabwa serivisi ndetse n'uburyo bwo kubagezaho amakuru ya ngombwa.

### I.3.1 Gukurikirana uko abaturage bahabwa serivisi mu nkiko

Mu rwego rwo gukurikirana uko abagana inkiko bahabwa serivisi kuva muri 2013/2014 hagiyeho uburyo inkiko zikurikirana uko abaza ku rukiko bakirwa n'igihe bamara ngo bahabwe igisubizo bigamije kurinda abaturage gusiragira mu nkiko.

Ibi byatumye Urwego rw'Ubucamanza rumenya ibibazo by'ingenzi bikunda kuzana abaturage mu nkiko, hashakwa inzira z'ikoranabuhanga rifasha koroherereza abaturage bakenera serivisi mu nkiko. Nk'uko byavuzwe mu gice kibanza, ikoranabuhanga ryaba irya IECMS na SOBANUZAINKIKO ririmo kwifashishwa mu guhuza abaturage n'inkiko. Ibi bituma bazigama igihe n'amafaranga bakoreshaga baza mu nkiko, bakabikoresha mu bikorwa bibateza imbere.

### I.3.2 Kumenyesha abaturage imikorere y'inkiko

Urwego rw'Ubucamanza ruzirikana ko itumanaho ari ikintu cy'ingenzi mu kunoza imikorere y'inkiko. Muri urwo rwego, hatangwa ibiganiro hifashishijwe itangazamakuru ngo abaturage bamenye uko zikora, uburenganzira bwabo ndetse n'ibyo basabwa igihe baje mu rukiko. Basobanurirwa kandi amategeko agenga imikorere y'inkiko. Ibi bikorwa byakomeje guhabwa imbaraga kuva muri 2011/2012. Mu biganiro byatanzwe harimo:

1- Ikiganiro gihoraho gitambuka rimwe mu cyumweru kuri Radio Rwanda na Isango Star;
2- Ibiganiro bitambukiraho (live) kuri Televiziyo y'u Rwanda, Radio Rwanda, Isango Star, Isango TV, Voice of Africa, Royal TV, TV One, Flash FM;
3- Urubuga rw'Urwego rw'Ubucamanza (website) rushyirwaho inyandiko igaragaza ibyo urwego rwiyemeje mu gutanga serivisi (service charter), gahunda y'iburanisha, twitter, raporo zinyuranye z'Urwego rw'Ubucamanza.
4- Ibiganiro n'abanyamakuru byagiye bitangwa buri mwaka na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga cyangwa Visi Perezida cyane cyane mu gutangiza no gusoza icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa mu nkiko no mu cyumweru cy'Ubucamanza.

### 1.3.3 Icyumweru cy'ubucamanza

Icyumweru ngarukamwaka cy'Ubucamanza kigamije kwegera abanyarwanda ngo batange ibitekerezo bigamije kubaka ubutabera buvoma mu muco nyarwanda, hagamijwe kurandura imizi y'amakimbirane no kubumbatira ituze mu banyarwanda.

Muri iyi gahunda, Urwego rw'Ubucamanza rufatanyije n'Ubushinjacyaha Bukuru bateguye ku nshuro ya mbere icyumweru cyahariwe ubucamanza cyatangiye kuva kuwa 26 kugera kuwa 30 Ugushyingo 2018.

Muri icyo cyumweru hatanzwe ibiganiro bikubiye mu nsanganyamatsiko igira iti: «**Twubake ubutabera buvomwe mu muco n'umurage w'u Rwanda hatabangamiwe Itegeko Nshinga n'amahame mpuzamahanga**».

Muri icyo cyumweru inzego zitandukanye zishinzwe gukemura ibibazo by'abaturage zaganiriye kuri iyo nsanganyamatsiko hagamijwe gushakira hamwe uburyo bwatuma zitangira gushingira ku ndangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda mu gukemura ibibazo zishyikirizwa, zikarushaho guhuza no kunoza imikorere kugira ngo imirimo zishinzwe irusheho kwihutishwa. Hasuzumwe kandi uburyo bwo gukemura amakimbirane bitabaye ngombwa kwitabaza inkiko. Harebewe hamwe igituma inzego zishinzwe gukemura amakimbirane mu baturage hari aho zitagera ku musaruro wifuzwa, hanafatwa ingamba zo kongera ingufu aho bikenewe haba mu buryo bw'imikorere cyangwa mu kuvugurura amategeko agenga izo nzego.

Icyumweru cy'ubucamanza cyari kigamije kandi gusuzuma imikorere y'inkiko n'Ubushinjacyaha, hibandwa cyane cyane aho byagaragaye ko inkiko cyangwa Ubushinjacyaha bifite intege nke, aho ibyemezo izo nzego zifata bidasubiza uko bikwiye cyangwa mu buryo burambye ibibazo byugarije umuryango nyarwanda. Mu gusoza iyi gahunda, hafashwe imyanzuro ikurikira, ndetse hagaragazwa n'uruhare rw'inzego zitandukanye mu ishyirwa mu bikorwa ryayo:

- **Ibibazo bigaragara mu ikurikiranacyaha n'imanza z'inshinjabyaha ziganje mu nkiko**:

    1. Gukora ubukangurambaga hifashishijwe ubuyobozi, imiryango itari iya Leta n'amadini, ku byerekeye gukumira icyaha kitaraba, bikaba igikorwa cy'Umuryango nk'uko byahoze kera;

    2. Gushyiraho ingamba zihamye kandi zihereye mu baturage mu rwego rwo kubungabunga umuryango nyarwanda no gukumira amakimbirane mu ngo, bityo buri wese akagira uruhare mu gukurikirana ibyo byaha, aho bishoboka imanza zikabera aho ibyaha byakorewe, uretse ku manza zirebana n'ihohotera rishingiye ku gitsina.

    3. Kureba uburyo ku byaha bito, hakongerwa imbaraga mu kurangiza ibibazo hakoreshejwe uburyo bwo kumvikanisha uwakoze icyaha n'uwagikorewe (médiation pénale), iyo aribyo bikwiye, ndetse hagakoreshwa n'uburyo bw'ubwumvikane hagati y'Ubushinjacyaha n'ukurikiranywe hagamijwe kurandura umuyoboro w'ubugizi bwa nabi (plea bargaining);

    4. Gutanga ibihano hagamijwe kugorora ku buryo uhanwe yazagaruka mu muryango nyarwanda amaze kuba umuntu muzima. Hagomba kwitabwa ku mibereho y'uhamwe n'icyaha no ku mpamvu zamuteye kugikora kandi bigasobanurwa mu cyemezo cy'umucamanza. Ku

bana bakoze ibyaha bito, harebwa niba hadakwiye gushakwa ibindi bihano bahabwa bitabaye ngombwa ko bajyanwa muri Gereza no gushyiraho ibigo byafasha ababaswe n'ibiyobyabwenge;

5. Gushyiraho gahunda yo gukurikirana abarangije ibihano, bagasobanurirwa uko bazitwara mu muryango bagiye gusubiramo, ndetse n'abo basanze bagategurirwa kubakira;

6. Guha umwanya abakorewe icyaha cy'ihohoterwa mu ikurikiranacyaha ryacyo, no kubaha ubufasha mu bijyanye n'ihungabana bakomora kuri icyo cyaha mu rwego rwo kubarinda ingaruka zikomeye zazababaho mu mibereho yabo mu gihe kizaza.

- **Ibibazo by'ubutane:**

1. Kwigisha urubyiruko ihame ry'uburinganire n'amategeko agenga umuryango no gukangurira abifuza gushyingiranwa ko bagomba gufata igihe gihagije cyo kumenyana mbere yo kubaka ingo;

2. Gukangurira inzego za Leta zibishinzwe n'iz'amadini guteganya igihe gihagije cyo gutegura abifuza gushyingiranwa, bakabona umwanya wo gusobanurirwa bihagije amategeko areba uburenganzira n'inshingano by'abashyingiranywe;

3. Gukangurira abantu, cyane cyane urubyiruko, kugaruka ku ndangagaciro zarangaga umuryango nyarwanda zirimo kwanga umugayo, uhereye ku muryango, mu mashuri, mu iterero n'andi mahuriro atandukanye nk'umugoroba w'ababyeyi;

4. Gukangurira abatuye Umudugudu bose kugira uruhare mu gukumira amakimbirane yo mu ngo cyane cyane hifashishijwe umugoroba w'ababyeyi;

5. Gushishikariza abashyingiranywe ko mu gihe bagize ibibazo mu mibanire yabo, bakwitabaza umuryango n'inshuti z'umuryango mu kubikemura, byananirana bakagana inkiko ariko babanje kumvikana uburyo ubutane bwakorwa ku birebana n'umutungo ndetse n'uburere bw'abana babo, mu gihe basanze ubutane ari wo muti wa nyuma kandi inkiko zikihutisha bene izo manza.

- **Ibibazo birebana n'ubutaka**

1. Gukemura ibibazo bifitanye isano n'ubutaka hifashishijwe komite z'ubutaka ziri mu tugari n'inteko z'abaturage, byananirana hakiyambazwa Ikigo gishinzwe imicungire n'imikoreshereze by'Ubutaka, utanyuzwe n'umwanzuro utanzwe n'icyo kigo wifuza kugana inkiko, agasabwa kwitwaza imyanzuro yafashwe n'izo nzego;
2. Gukangurira abaturage kugaruka ku ndangagaciro nyarwanda harimo ubunyangamugayo mu gihe bashaka umuti w'amakimbirane arebana n'ubutaka mu muryango ndetse no mu baturanyi.

- **Ibibazo bivuka ku nguzanyo zitangwa n'ibigo by'imari**

1. Gukangurira abifuza gufata inguzanyo ko bakwiriye kujya babanza gutekereza mbere

yo gufata icyemezo cyo kuyifata. Igihe bafashe icyemezo bakwiye guha umwanya uhagije imishyikirano (negotiations) na banki kugira ngo birinde gusinya ibintu batumva nyamara bishobora kuzabagiraho ingaruka zikomeye, byaba ngombwa bakifashisha abanyamategeko. Amasezerano y'inguzanyo akwiriye gukorwa mu rurimi no mu magambo ugana ibigo by'imari ashobora kumva neza kandi hagateganywa ingingo irebana no gukemura amakimbirane mu bwumvikane mbere yo kuregera inkiko (clause de mediation);

2. Kwibutsa Ibigo by'imari ko bikwiriye guha ababigana bifuza inguzanyo amakuru yuzuye, y'ukuri kandi asobanutse ndetse bikamwereka n'ibibazo bishobora kuvuka igihe yaba adashoboye kwishyura ku gihe. Bikwiriye kandi gusuzumana ubushishozi ubushobozi usaba inguzanyo afite bwo kwishyura ndetse no kumenya niba igenagaciro ryakorewe ingwate ye rihuje n'ukuri;

3. Gusaba ibigo by'imari gukurikirana imikoreshereze y'inguzanyo byatanze, hatangwa amakuru ajyanye n'inguzanyo no kugira inama uwayifashe bikanamumenyesha icyemezo cyose kigiye gufatwa kijyanye n'inguzanyo yahawe;

4. Gushaka uburyo buhamye kandi budahenze bwo gukemura impaka hagati y'ibigo by'imari n'abakiriya babyo iyo zivutse kuko inzira y'ubukemurampaka ihenze cyane ku bakiriya badafite ubushobozi buhagije. Abavoka bakwiye gushishikariza abakiriya babo gushakira ibisubizo mu bwumvikane aho kwihutira kujya mu nkiko kandi babona ko bazatsindwa;

5. Gushyiraho uburyo habaho ibigo (Brockers/mediateurs financiers) bifasha abantu gukemura amakimbirane ashingiye ku nguzanyo mbere y'uko bijya mu nkiko;

6. Kuvugurura amategeko arebana na cyamunara hagamijwe ko nta karengane kabaho, mu ikorwa ry'iyo cyamunara;

7. Kwigisha abantu ibijyanye n'imikorere y'ibigo by'imari n'amabanki (Financial education and literacy).

- **Ibibazo bifitanye isano n'imisoro, no kwitabaza uburyo bw'ibirego bito**

1. Kunoza uburyo bwo kumvikana hagati y'usora n'Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro (amicable settlement), aho bibaye ngombwa hakiyambazwa abahuza bashobora kuba n'abasora bari mu rwego rumwe n'usora utumvikanye n'Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) ku musoro yaciwe cyangwa ku kindi cyemezo yafatiwe;

2. Kugira gahunda ihamye yo kumenyekanisha amategeko yose agenga imisoro yasohotse, kuyahuriza hamwe no kuyasobanurira abasora;

3. Gukangurira ibigo by'imari iciriritse n'abagana inkiko muri rusange baburana ibirego bishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato (small claims), kwitabira gukoresha imiburanishirize ya bene ibi birego mu nkiko z'ibanze, hagamijwe kwihutisha bene izo manza no kugabanya ikiguzi cyazo;

- **Ibibazo bifitanye isano n'ubwishingizi**

1. Kugira umuco wo kugisha inama abanyamategeko/abavoka mu gihe cyo gufata ubwishingizi, mu gihe cyo kwishyuza ndetse no mu gihe cya "transaction", bitabaye ngombwa gutegereza ko habanza kuvuka ibibazo biganisha mu manza;

2. Guha umwanya ukomeye inzira y'ubwumvikane (transaction) cyangwa se ubwunzi (mediation) ikibazo kikivuka, kandi hakifashishwa imirongo yatanzwe n'inkiko mu manza zaciwe mu birebana n'ubwishingizi;

3. Gukangurira abavoka kugira abakiriya babo inama yo kubahiriza ku gihe amasezerano basinye, aho kubagira inama yo kujya mu rukiko cyangwa kujurira kugeza ku rwego rwa nyuma n'iyo babona ko nta kizava mu rubanza;

4. Kuvugurura amategeko atajyanye n'igihe mu birebana n'ubwishingizi;

5. Gusaba Banki Nkuru gushyiraho itsinda ryo kunga (mediation team) rifasha kumvikanisha impande zombi mbere y'uko zigana inkiko;

Nk'uko bigaragara muri iyi myanzuro, ishyirwa mu bikorwa ryayo rireba inzego zitandukanye zaba iz'abikorera n'inzego za Leta. Urwego rw'Ubucamanza ruzakomeza gukorana n'izo nzego zose kugirango ibi bitekerezo bishyirwe mu bikorwa.

## II. GUTANGA UBUTABERA BUNOZE KANDI BWIHUSE

Intego nkuru y'Urwego rw'Ubucamanza, ni uguha abarugana ubutabera bunoze kandi bwihuse. Muri iki gika, haragaragara ibyakozwe n'umusaruro wabonetse mu cyerekezo cy'iyi ntego.

### II.1 Gutanga ubutabera bwihuse

#### II.1.1 Kwakira ibirego no gushunguramo ibitujuje ibisabwa.

Mbere yuko ibirego byandikwa mu rukiko habanza gusuzumwa niba byujuje ibisabwa n'amategeko. Ibi bituma imanza zigera imbere y'umucamanza ari izo agomba kuburanisha gusa. Ibi bifasha inkiko kutinjiza imanza nyinshi zitari ngombwa no kwirinda ibirarane.

Muri uyu mwaka wa 2018/2019, inkiko zakiriye ibirego 93,198 byaje bisangamo ibindi 8,358 byose hamwe biba ibirego 101,552 byagombaga gusuzumwa mbere yuko byandikwa mu nkiko.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ibirego byakiriwe mu nkiko z'ibanze n'ibyemezo byafatiwe.

Imbonerahamwe 1: Ibyemezo byafashwe ku birego byakiriwe mu Nkiko z'Ibanze

| Urukiko | Ibirego byari mu rukiko mu ntangiro z'ukwezi kwa 7/2018 | Ibirego byakiriwe mu nkiko mu mwaka wa 2018/219 | Ibigrego byose hamwe muri 2018-2019 | Ibyatangiriye mu bunzi | | Ibyatangiriye mu nkiko | | Ibiregoo bitarafatirwa umwanzuro mu mpera za kamena 2019 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Ibirego byakiriwe bihabwa nimero | Ibirego inkiko zasanze bidakwiye kwakirwa | Ibirego byakiriwe bihabwa nimero | Ibirego inkiko zasanze bidakwiye kwakirwa | |
| Inkiko z'ibanze | 5,567 | 50,737 | 56,304 | 1,225 | 77 | 50,936 | 1,704 | 2,544 |

Muri uyu mwaka hatanzwe ibirego 50,737 mu nkiko z'ibanze byaje bisanga ibindi 5,567 byari bitegereje kwandikwa mu mpera z'umwaka ushize, byose hamwe biba ibirego 56,304. Muri ibi byose ibirego 1,841 bingana na 3% ntibyakiriwe naho 2,544 bingana na 4.5% byari bitegereje kwandikwa mu mpera za Kamena 2019.

Imbonerahamwe 2: Ibyemezo byafashwe ku birego byakiriwe mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru

| Urukiko | Ibirego byari bitarafatwaho umwanzuro mu ntangiriro za 7/ 2018 | Ibirego byatanzwe mu nkiko muri 2018/2019 | Byose hamwe 2018-2019 | Ibirego byakiriwe bihabwa nimero | Ibirego inkiko zasanze bidakwiye kwakirwa | Ibirego bitarafatwaho uwanzuro mu mpera za 6/2019 |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Byose hamwe | 2,784 | 42,403 | 45,187 | 37,508 | 3,379 | 4,439 |
| Urukiko rw'Ikirenga | 517 | 139 | 656 | 49 | 399 | 209 |
| Urukiko rw'Ubujurire | 98 | 2,066 | 2,164 | 1,024 | 196 | 942 |
| Urukiko Rukuru | 678 | 7,297 | 7,975 | 5,714 | 798 | 1,488 |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 9 | 1,103 | 1,112 | 1,005 | 7 | 105 |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 357 | 4,196 | 4,553 | 3,579 | 152 | 829 |
| Inkiko zisumbuye | 1,125 | 27,602 | 28,727 | 26,137 | 1,825 | 866 |

Mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru hatanzwe ibirego 42,403 byaje bisanga ibindi 2,784 byari bitegereje kwandikwa mu mpera z'umwaka ushize, byose hamwe biba 45,187. Muri byo 37,508 bingana na 83% byaranditswe, 3,379 bingana na 7.5% ntibyandikwa kuko bitari byujuje ibisabwa, mu gihe 4,439 bingana na 9.8% byo byari bitegereje kwandikwa mu mpera za Kamena 2019.

### II.1.2 Imanza zarangiriye mu nama ntegurarubanza

Inama ntegurarubanza ni uburyo bwaje gufasha kwihutisha imanza, aho abanditsi bahuza ababuranyi mu manza mbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, bakagerageza kubumvikanisha kubyo baburana. Inama ntegurarubanza ishobora kurangira:

- Ababuranyi bumvikanye ku ngingo zose. Icyo gihe urubanza rurangirira aho.
- Ababuranyi bumvikanye kuri bimwe, ibisigaye bikazasuzumwa mu iburanisha.
- Ababuranyi batumvikanye kuri byose, icyo gihe bisuzumwa n'umucamanza mu iburanisha.

Muri uyu mwaka, imanza zarangiriye mu nama ntegurarubanza zigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe 3: Imanza zarangiriye mu nama ntegurarubanza.

| Urukiko | Imanza zanyuze mu nama ntegurarubanza | Izo ababuranyi bumvikanyemo | % ry'imanza zumvikanishijwe |
|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 14,919 | 610 | 3% |
| Urukiko rw'ikirenga | 28 | 3 | 7% |
| Urukiko rw'Ubujurire | 148 | 8 | 3% |
| Urukiko rukuru | 1,106 | 28 | 2% |
| Urukiko rukuru rw'ubucuruzi | 652 | 19 | 2% |
| Urukiko rw'ubucuruzi | 2,198 | 85 | 3% |
| Inkiko zisumbuye | 3,842 | 222 | 5% |
| Inkiko z'Ibanze | 6,945 | 245 | 2% |

Mu manza 14,919 zanyuze mu nama ntegurarubanza, 610 zingana na 3% nizo ababuranyi bumvikanyemo. Iyi mibare igaragaza ko ababuranyi bemera kumvikana kubyo baburana ikiri hasi. Ibi bituma imanza zikomeza kwiyongera no gutinda mu nkiko. Mu bufatanye n'izindi nzego, Urwego rw'Ubucamanza ruzakomeza gutoza abagana inkiko umuco wo gukemura ibibazo mu bwumvikane hagamijwe kubanisha neza abari bafitanye amakimbirane no kugabanya imibare y'imanza mu nkiko. Urwego rw'Ubucamanza ruzakomeza kandi guhugura abacamanza n' abanditsi bongererwa ubumenyi mu kumvikanisha abantu.

### II.1.3 Imanza abacamanza bumvikanishijemo ababuranyi

Mu rwego rwo kwimakaza umuco wo gukemura ibibazo bitabaye ngombwa ko ababifitanye baburana hagamijwe kwihutisha imanza no kugabanya ibirarane mu nkiko, itegeko ryahaye abacamanza ububasha bwo kumvikanisha ababuranyi babyemeye. Muri uyu mwaka, abacamanza babashije kumvikanishamo ababuranyi mu manza z'ubucuruzi zifite agaciro ka 940,804,899 y'amafaranga y'u Rwanda n'izindi zifite agaciro k'amadorali y'Amerika 255,242. Harimo kandi imanza zerekeye umutungo n'izerekeye ubutane.
Bigaragara ko iyi nzira y'ubwunzi uko abantu bazagenda bayimenyera, izafasha kugabanya imanza zagombaga kuburanishwa.

### II.1.4 Igihe urubanza rumara mu rukiko

Mu rwego rwo kureba uko intego yo gutanga ubutabera bwihuse igerwaho, Urwego rw'Ubucamanza rugenzura igihe urubanza rumara mu rukiko nk'uko Imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza.


Imbonerahamwe 4: Igihe urubanza rumara mu rukiko

| Court Level | Performance[1] | Time to Disposition | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Average | ADMINISTRATIVE CASES (IMANZA Z'UBUTEGETSI) | CIVIL (IMBONEZAMUBANO) | Commercial Cases (Imanza z'Ubucuruzi) | Criminal | Economic Crimes | Genocide and Related Crimes (Jenoside nibyaha biyishamikiyeho) | LABOUR CASES (IMANZA Z'UMURIMO) | Special |
| Total | 30.25% ▲ | 126 | 290 | 168 | 153 | 106 | 109 | 122 | 268 | 237 |
| Supreme Court Level | -92.05% ▼ | 346 | 408 | 342 | 392 | 338 | 219 | 364 | 378 | 255 |
| Primary Court Level | 64.75% ▲ | 63 | 199 | 118 | 93 | 41 | 60 | 51 | 50 | |
| Intermediate Court Level | 22.50% ▲ | 139 | 304 | 214 | | 116 | 126 | 112 | 291 | |
| High Court Level | -10.90% ▼ | 200 | 255 | 215 | | 195 | 188 | 166 | 213 | |
| Commercial Level | 43.48% ▲ | 102 | | 1 | 102 | | | | | |
| Commercial High Court Level | -9.92% ▼ | 198 | | | 198 | | | | | |
| Appeal Court Level | 19.30% ▲ | 145 | 154 | 163 | 186 | 136 | 127 | 294 | 159 | 29 |

Muri rusange, urubanza rwamara iminsi 126 ingana n'amezi 4 n'iminsi 6 kuva rwinjiye kugeza ruciwe, iki gihe kikaba kiri munsi y'igihe cy'amezi 6 ateganywa n'itegeko. Nubwo ibyo bimeze bityo, icyo gihe cyagiye kirenga mu nkiko zimwe na zimwe bitewe n'umwihariko wazo.

Igihe urubanza rwamaze muri uyu mwaka ntikiri kure y'igihe urubanza rwamaze mu rukiko mu mwaka ushize nk'uko ishusho ikurikira ibigaragaraza.

*Ishusho 1: Igihe urubanza rumara mu rukiko*




## II.1.5 Imanza zinjiye


Imanza zinjira ni zo zigaragaza ubwinshi bw'akazi inkiko zifite, zikanagaragaza kwiyongera cyangwa kugabanuka kw'ibirarane n'igihe urubanza rumara mu rukiko. Mu bika bikurikira haragaragazwa imanza zinjiye muri rusange, izinjiye ukurikije ubwoko bwazo n'imanza zinjiye kuri buri rwego rw'inkiko.

### II.1.5.1 Imanza zinjiye muri rusange

Kuva 2011/2012 kugeza muri 2018/2019, mu nkiko zose hinjiye imanza 508,647, harimo imanza 75,419 zinjiye uyu mwaka.

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira, kuva 2011/2012 imanza zagiye zigabanuka, nyuma ziza kwiyongera.

*Ishusho 2: Imanza zinjiye mu nkiko*




Nyuma yo kugabanukaho 45% hagati y`umwaka wa 2011/2012 na 2015/2016, imanza zongeye kwiyongera ku kigero cya 34% kugeza mu mpera za Kamena 2019.

Hagati y'umwaka 2017/2018 n'umwaka dushoje wa 2018/2019, imanza zinjira zazamutseho 19%.

Mu mpamvu zishobora kuba zaragize uruhare mu izamuka ry'umubare w'imanza harimo:


- Impinduka zabaye muri 2016, aho itegeko rigenga abunzi ryavuguruwe rikura ikemurwa ry'ibibazo birebana n'ibyaha mu bubasha bwa Komite z'Abunzi bijya mu nkiko.
- Ubwiyongere bw'abaturage
- Ubwiyongere bw'ibigo by'ishoramari n'ubucuruzi.
- Iterambere ry'ikoranabuhanga mu gihugu.

Mu bice bikurikira, raporo igaragaza imanza zinjiye ukurikije ubwoko bwazo no kuri buri rukiko.

### II.1.5. 2 Imanza zinjiye ukurikije ubwoko bwazo

Imanza zinjiye muri uyu mwaka wa 2018/2019 ukurikije ubwoko bwazo bugaragara mu ishusho ikurikira.


*Ishusho 3: Imanza zinjiye mu nkiko ukurikije ubwoko bwazo*




Muri uyu mwaka, imanza nshinjabyaha nizo zifite umugabane munini mu manza zinjiye kuko zihariye 59%, zigakurikirwa n'imanza mbonezamubano zifite 29%, n'iz'ubucuruzi zifite 7%.

Urebye uko imanza zinjira mu nkiko kuva muri 2011/2012, usanga imanza nshinjabyaha nanone arizo zikomeza kwiyongera cyane nk'uko ishusho ikurikira ibigaragaraza.

*Ishusho 4: Imanza zinjiye mu nkiko ukurikije ubwoko bwazo*





| | 2011/2012 | 2012/2013 | 2013/2014 | 2014/2015 | 2015/2016 | 2016/2017 | 2017/2018 | 2018/2019 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| CIV | 45560 | 38380 | 31970 | 20776 | 17435 | 14441 | 16303 | 21874 |
| CRIM | 21849 | 26284 | 27525 | 28101 | 27181 | 36334 | 39835 | 45989 |
| Gen | 38 | 44 | 24 | 36 | 42 | 195 | 385 | 614 |
| SOC | 946 | 972 | 1177 | 708 | 836 | 881 | 959 | 1234 |
| ADMIN | 728 | 747 | 1155 | 463 | 452 | 441 | 725 | 626 |
| MIN | 838 | 710 | 750 | 722 | 599 | 632 | 863 | 488 |
| COM | 2527 | 2447 | 4372 | 3561 | 3521 | 4261 | 4188 | 5076 |
| SPEC | 7 | 7 | 39 | 43 | 36 | 58 | 102 | 3 |

Imanza nshinjabyaha ziyongereyeho 110% mu gihe imanza mbonezamubano zo zagabanutseho 51.10% hagati ya 2011/2012 na Kamena 2019. Imanza z'ubucuruzi nazo zakomeje kuzamuka kuko ziyongereyeho 100.8% muri icyo gihe.


Urebye mu manza z'ubucuruzi, imanza zerekeye amasezerano y'ubucuruzi nizo zifite umugabane munini nk'uko ishusho ikurikira ibigaragaza.

*Ishusho 5: Imanza zinjiye mu nkiko z'ubucuruzi ukurikije ubwko bwazo*



Mu gika gikurikira, hagaragaza imanza zinjira muri buri rwego rw'inkiko.

*Ishusho 6: Imanza zinjiye muri buri rwego rw'inkiko*




| | 2011/2012 | 2012/2013 | 2013/2014 | 2014/2015 | 2015/2016 | 2016/2017 | 2017/2018 | 2018/2019 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| TB | 43144 | 43232 | 38598 | 30820 | 25950 | 28678 | 32295 | 40724 |
| TGI | 19314 | 17636 | 17364 | 13074 | 15294 | 17857 | 20180 | 23320 |
| HC | 6530 | 6744 | 6087 | 4973 | 5003 | 6092 | 6217 | 5715 |
| CC | 1410 | 1662 | 2780 | 2851 | 2670 | 3280 | 3140 | 3579 |
| CHC | 795 | 625 | 698 | 635 | 776 | 882 | 945 | 1005 |
| COA | | | | | | | | 1027 |
| SC | 1316 | 638 | 358 | 366 | 409 | 454 | 583 | 49 |

Nkuko bigaragazwa n'ishusho iri hejuru, inkiko z'ibanze nizo zinjiramo imanza nyinshi. Nyuma yo kugabanuka ku kigero cya 39.9% hagati ya 2011/2012 na 2015/2016, zatangiye kuzamuka, ku buryo ziyongereyeho 56.9% kuva muri 2015/2016 kugeza muri Kamena 2019.

Mu nkiko zisumbuye, hagati ya 2011/2012 na 2014/2015 imanza zinjira zagabanutseho 32%, nyuma zongera kuzamuka ku kigero cya 78.4% kuva uwo mwaka kugeza Kamena 2019.

Mu nkiko z'ubucuruzi, kuva muri 2011/2012 kugeza muri Kamena 2019, imanza zinjira ziyongereyeho 153.8%.

Mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi imanza zinjira zazamutseho 26% hagati ya 2011/2012 na 2018/2019 naho mu Rukiko Rukuru zagabanutseho 12.5% muri iyo myaka.

Urukiko rw'Ubujurire rwashyizweho muri 2018. Muri uyu mwaka wa 2018/2019 rukaba rufite imanza 1027 zinjiye harimo 855 zavuye mu Rukiko rw'Ikirenga.

Mu Rukiko rw'Ikirenga imanza zinjira zaragabanutse kuva 2011/2012 kugera 2018/2019 kubera amavugurura atandukanye yagiye akorwa. By'umwihariko muri 2018/2019 zaragabanutse cyane kubera ko Urukiko rw'Ubujurire rwahawe bumwe mu bubasha bwahoze mu Rukiko rw'Ikirenga.

Mu mwaka wa 2018/2019 imanza zinjiye mu nkiko z'ibanze zihariye 54% by'imanza zose

zinjiye, inkiko zisumbuye zifata 31% naho inkiko nkuru zikagira 8% mu gihe inkiko z'ubucuruzi zifite 6,2%.

### II.1.6 Imanza zaciwe

Kugira ngo abagana inkiko bahabwe ubutabera mu gihe gikwiye, ni ngombwa kureba ingano y'imanza zicibwa kuko iyo zibaye nke ugereranije n'izinjira bituma habaho ibirarane by'imanza.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zaciwe ku rwego rwa buri rukiko.

Imbonerahamwe 5: Imanza zaciwe kuri buri rukiko muri 2018/2019


| URUKIKO | Umubare w'abacamanza/ Inteko | IZACIWE | IZACIWE N'UMUCAMANZA/ INTEKO KU KWEZI |
|---|---|---|---|
| SC | 2 | 249 | 11 |
| COA (umucamanza) | 13 | 288 | 7 |
| COA (inteko) | 4 | 192 | 3 |
| CHC | 7 | 839 | 12 |
| CC | 15 | 3127 | 19 |
| HC | 23 | 4915 | 19 |
| TGI | 84 | 20952 | 23 |
| TB | 141 | 42122 | 27 |
| **ZOSE HAMWE** | **289** | **72684** | 23 |

*Hari imanza zicibwa n'Umucamanza hakaba n'izicibwa n'inteko.*

Imanza zaciwe mu nkiko zose hamwe zaragabanutseho 998, ziva ku 73,682 muri 2017/2018 zigera ku manza 72,684 muri 2018/2019. Iri gabanuka rikaba ryaratewe ahanini n'ikibazo cy'indwara y'iseru mu magereza yatumye imanza z'inshinjabyaha zari ziteganijwe kuburanishwa zisubikwa, kimwe n'ibihe IECMS itakoraga neza.

Igereranya ry'imanza zaciwe n'izinjiye rigaragaza ko izaciwe zakomeje kuruta izinjira kuva muri 2011/2012 kugera mu mwaka wa 2017/2018, gusa muri uyu mwaka dushoje wa 2018/2019 bikaba byarahindutse izinjira zikaruta izaciwe nk'uko ishusho ikurikira ibigaragaza.

*Ishusho 7: Imanza zaciwe uzigereranije n'izinjiye kuva 2011/2012 kugeza 2018/2019*





Kuva muri 2011/2012 kugeza 2018/2019 haciwe imanza 590.338.

Ikigaragara ni imanuka ry'umubare w'imanza zicibwa hagati ya 2013/2014 na 2015/2016, bikaba byaratewe n'igabanuka ry'imibare y'abacamanza bakoreraga ku masezerano muri gahunda yo kurwanya ibirarane. Kubera ko iri gabanuka ryajyanye n'igabanuka ry'imanza zinjira kubera amavugurwa yari amaze gukorwa, byatumye ubwiyongere bw'imanza zisigaye butazamuka cyane.

Kuva muri 2015/2016, imanza ziciwe, izinjiye n'izasigaye mu nkiko zakomeje kwiyongera kugeza mu mpera z'uyu mwaka urangiye wa 2018/2019 aho izinjiye zatangiye kuruta iziciwe.

Ikigereranyo cy'imanza zicibwa n'umucamanza ku kwezi kigaragara mu ishusho ikurikira.

*Ishusho 8: Imanza zaciwe n'umucamanza/inteko ku kwezi*





Muri iyi myaka umunani, intego yo guca imanza 20 ku mucamanza ku kwezi, Urwego rw'Ubucamanza rwari rwihaye yagezweho irarenga kuko impuzandengo y'imanza zaciwe muri iyi myaka ari imanza 25 ku mucamanza ku kwezi.

### II.1.6 Imanza zasubitswe

Imanza zisubikwa mu nkiko zagiye zigabanuka ziva ku ijanisha rya 29.78 % muri 2011/2012 rigera kuri 11.31% mu mwaka wa 2017/2018. Icyakora muri uyu mwaka wa 2018/2019 zariyongereye zigera kuri 20 % nk'uko ishusho ikurikira ibigaragaza.

*Ishusho 9: Imanza zasubitswe*





Izamuka ry'isubika ry'imanza rigaragara muri 2018/2019 ahanini ryatewe:

- Ibura ry'umuriro rya hato na hato mu bice bimwe na bimwe by'Igihugu byagiye bituma internet ivaho;
- Ibihe IECMS itakoraga neza;
- Ibyumba byiburanisha bidahagije mu nkiko z'ibanze zahujwe;
- Indwara y'iseru yateye mu magereza bituma imfungwa zitabasha kujyanwa kuburanishwa.

### II.1.7 Imanza zisigaye mu nkiko n'izabaye ibirarane

Ishusho ikurikira igaragaza imanza zikiri mu nkiko n'izabaye ibirarane

*Ishusho 10: Imanza zisigaye n'izabaye ibirarane*




Hagati y'umwaka wa 2011/2012 na 2015/2016 imanza zasigaye mu nkiko zagabanutseho 59%. Nyuma zatangiye kuzamuka, iryo zamuka rikaba rigeze kuri 122.7% kuva 2015/2016 kugeza ubu. Imanza zisigaye mu nkiko zose ni 38,375 muri zo ibirarane bikaba ari imanza 13,010. Twakwibutsa ko urubanza ruba ikirarane ari uko rurengeje amezi 6 rutaracibwa.

Mu rwego rwo kurwanya ibirarane, hateguwe amabwiriza azafasha kwimakaza uburyo bwo gukemura ibibazo binyuze mu bwunzi bushamikiye ku nkiko (court annexed mediation). Hari icyizere ko mu gihe azaba yatangajwe atangiye gukoreshwa bizafasha mu kugabanya imanza ziburanishwa mu mizi n'izijuririrwa.

### II.1.8 Ibyemezo ku ifunga cyangwa ifungura by'agateganyo

Muri uyu mwaka inkiko zafashe ibyemezo 12,824 ku ifunga n'ifungura by'agateganyo. Ibyemezo byafashwe biri mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe 6: Ibyemezo ku ifungwa cyangwa ifungurwa by'agateganyo

| Court Level / Instance | # of Cases | | | Bail on condition | | | Provisional Detention | | | Provisional release | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Bail on condition | Provisional Detention | Provisional release | # of Parties | | | # of Parties | | | # of Parties | | |
| | | | | Unspecified | Female | Male | Unspecified | Female | Male | Unspecified | Female | Male |
| Intermediate Court Level | 5 | 926 | 491 | 2 | | 3 | 420 | 35 | 648 | 112 | 55 | 427 |
| Primary Court Level | 121 | 8,159 | 3,122 | 5 | 17 | 120 | 249 | 724 | 9,322 | 130 | 486 | 3,327 |
| Total | 126 | 9,085 | 3,613 | 7 | 17 | 123 | 669 | 759 | 9,970 | 242 | 541 | 3,754 |

Mu byemezo byose byafashwe, (70.84%) ni icyemezo cyo gufunga by'agateganyo, 28.17% ni gufungurwa by'agateganyo naho 0.982% bafungurwa by'agateganyo ariko bategekwa kugira ibyo bagomba kubahiriza.

### II.1.9 Imanza ku byaha bigira ingaruka zikomeye ku gihugu


Mu byaha bigira ingaruka zikomeye ku gihugu harimo gusambanya abana, ihohotera rishingiye ku gitsina, ibyaha bimunga ubukungu, ingengabitekerezo ya jenoside, ibiyobyabwenge n'icuruzwa ry'abantu. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zinjiye zifitanye isano n'ibi byaha.

Imbonerahamwe 7: Imanza ku byaha bigira ingaruka zikomeye ku gihugu

| Court Level | Gender Based Violance | Economic crimes | Genocide ideology | Narcotic Drugs | Human trafficking | Minors |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Total | 4,394 | 1,179 | 635 | 6,305 | 49 | 798 |
| Appeal Court Level | 10 | 8 | 43 | 12 | 17 | |
| High Court Level | 833 | 168 | 197 | 672 | 22 | 121 |
| Intermediate Court Level | 3,407 | 701 | 341 | 2,753 | 8 | 674 |
| Primary Court Level | 144 | 302 | 54 | 2,868 | 2 | 3 |

Urebye uko imyaka ikurikirana urasanga ibi byaha bigenda byiyongera nk'uko iyi shusho ibigaragaza.

*Ishusho 11: Imanza ku byaha bigira ingaruka zikomeye ku gihugu*





Mu manza zigira ingaruka ku muryango, ibyaha byerekeye ibiyobyabwenge ni byo biza ku isonga, bikurikiwe n'iby'ihohoterwa rishingiye ku gitsina hamwe n'ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu.

## II.1.7 Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu nkiko za gisirikare

Mu Rukiko rwa Gisirikare, imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye ziboneka mu ishusho ikurikira:


*Ishusho 12: Imanza mu Rukiko rwa Gisirikare*




Urukiko rwa gisirikare rwaciye imanza 852, zingana na 89.7% by'imanza zose bari bafite mu mwaka wa 2017/2018 zigera kuri 950.

Mu Rukiko Rukuru rwa gisirikare imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye zigaragara mu ishusho ikurikira :

*Ishusho 13: Imanza mu Rukiko Rukuru rwa Gisirikare*




Urukiko Rukuru rwa Gisirikare rwaciye imanza 548 zingana na 92% by'imanza zose Urukiko rwari rufite zigera kuri 602.

## II.2 GUTANGA UBUTABERA BUNOZE

Urwego rw'Ubucamanza ruzirikana buri gihe ko gutanga ubutabera mu gihe gikwiye bijyana no gutanga ubutabera bunoze. Mu rwego rwo gutanga ubutabera bunoze, hibandwa ku guhuza imicire y'imanza no kugenzura ubudakemwa bwazo.

### II.2.1 Guhuza imicire y'imanza

Guhuza imicire y'imanza ni ugushyiraho ingamba zituma haba imirongo imwe mu byemezo bifatwa ku bibazo bisa. Ibi bifasha kongera ubudakemwa bw'imanza kuko abacamanza bashingira ku mirongo isanzwe iriho mu nkiko mu gihe bafata ibyemezo mu bibazo baba bashyikirijwe n'ababuranyi. Ibi bifasha kandi abaturage kumenya ibyemezo byazafatwa ku bibazo bisa n'ibyabo bikaba byatuma bamwe muri bo bareka kujyana ibirego byabo mu nkiko igihe basanze nta nyungu bazabona cyangwa kwemera ibyemezo by'inkiko ntibababijuririre.

Bimwe mu byakozwe mu kongera ubudakemwa bw'imanza, harimo:

- gutoranya imanza z'icyitegererezo ziba zatanze umurongo no kuzitangaza mu cyegeranyo,
- Kuganira ku manza zaciwe buri kwezi muri buri rukiko hagamijwe gufata umurongo ngenderwaho ku bibazo bisa no kubitangaza ku rubuga rw'Urwego rw'Ubucamanza www.judiciary.gov.rw.
- Kunoza imyandikire y'imanza

#### II.2.1.1 Gutangaza imanza zitanga umurongo mu cyegeranyo cyabugenewe.

Kuva muri 2014, hatangiye gahunda yo gutoranya no gusesengura imanza zitanga umurongo zishyirwa mu mitumba (volumes) ine ku mwaka, zinatangazwa ku rubuga rwabigenewe https://decisia.lexum.com/rlr/en/nav.do.

Zimwe mu zatoranijwe uyu mwaka wa 2018/2019, harimo izi zikurikira:

1. **Me MUGISHA ; RS/INCONST/SPEC00002/2018/SC**

**Uruhare rwa Leta mu manza zirebana n'ibirego bisaba gukuraho itegeko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga –** Leta ntabwo iza mu manza zisaba kwemeza ko itegeko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga ngo ibe umuburanyi, ahubwo iza kugaragaza aho ihagaze ku myumvire y'itegeko risabirwa kuvanwaho, bityo ntabwo Leta ishobora gutanga inzitizi yo kutakira ikirego nk'umuburanyi.

**Inyungu zo gutanga ikirego gisaba kwemeza ko itegeko rinyuranije n'Itegeko Nshinga –** Mu manza zisaba gukuraho itegeko rinyuranije n'Itegeko Nshinga, umuburanyi ashobora gusaba ko itegeko rivaho agamije kurengera inyungu rusange za rubanda bitabaye ngombwa kugaragaza inyungu bwite abifitemo.

2. **MBARUSHIMANA v. NKUNDABANYANGA; RCAA00022/2016/SC-RCAA 0022/16/CS**

**Ububasha bw'inkiko – ibirego byerekeranye n'isambu** – Inkiko z'Ibanze ziburanisha ku rwego rwa mbere imanza zerekeye amasambu n'amatungo n'izungura kuri ibyo bintu.

3. **SONARWA GENERAL INSURANCE COMPANY Ltd (SONARWA) v. NYIRAGANZA ; RS/INJUST/RC 00047/2017/SC**

**Amasezerano y'ubwishingizi** – Kuba uwahohotewe yandikiye ikigo cy'ubwishingizi agisaba kugena umuganga ugomba kujya mu kanama k'abaganga bemeza ko ajya kwivuza hanze ntikimusubize, ntibyamubuza kujya kwivuza hanze kuko byanze bikunze agomba kuramira ubuzima bwe, ni yo mpamvu ikigo cy'ubwishingizi kigomba kwishyura amafaranga yose yakoreshejejwe mu kujya kwivuza.

Inyandiko itangirwaho amafaranga (formulaire), itegurwa n'ikigo cy'ubwishingizi igashyirwaho umukono n'umukiriya amaze kwishyurwa nta ruhare yagize mu kuyitegura, ni ikimenyetso cy'uko yishyuwe n'umubare w'amafaranga yakiriye, ariko ntiyafatwa nk'ikimenyetso cy'uko bikiranuye no ku bindi ikigo cy'ubwishingizi cyaba kikimugomba.

4. **MUREKATETE v. IKIGO CY'IMISORO N'AMAHÔRO (RRA); RCOMAA0038/2016/CS**

**Uburyozwe bw'abayobozi cyangwa abanyamigabane ba sosiyete** – Abanyamigabane n'abayobozi ba sosiyete ntibaryozwa amakosa ya sosiyete keretse hari icyemezo cy'urukiko cyemeje uburyozwe bwabo.

Imitungo y'abanyamigabane n'abayobozi ba sosiyete ku giti cyabo ntishobora gutambamirwa urukiko rubifitiye ububasha rutabanje kwemeza uruhare rwabo mu makosa sosiyete iryozwa.

5. **RUBERANDINDA v. IKIGO CY'IMISORO N'AMAHÔRO; RCOMAA 00030/2017/CS**

**Inshingano z'umusoreshwa n'umusoresha mu kohererezanya ibaruwa ishinganye** – Iyo umusoresha cyangwa umusoreshwa akoresheje iposita mu kohererezanya ubutumwa, iyo uwohereza ubutumwa yabugejeje ku iposita, ikabwakira ikabuteraho kashe, aba yujuje inshingano ye, hatitawe ku gihe iposita y'uwohererejwe ubutumwa izabumugerezaho.

Kugira ngo hagaragazwe ko umusoresha yohereje ibaruwa ishinganye igihe cy'iminsi 60 kitararenga, hagomba kurebwa itariki igaragazwa na kashe y'iposita yabyakiriye.

6. **MUKAMUSONI v. MUKAGASANA N'ABANDI; RCA0087/12/HC/KIG**

**Umuco – Uburenganzira bwo kuzungura cyangwa kuzungurwa ku gitsina gore** – Kuba umuco nyarwanda utaremereraga umugore/umukobwa nabo mu muryango akomokamo kuzungura no kuzungurwa binyuranye n'ihame ry'uko abantu bareshya imbere y'amategeko.

7. **RUHIMBAZA v. BANKI YA KIGALI LTD ; RS/INJUST/RSOC 00001/2017/SC**

**Umushahara –** Amafaranga y'urwunguko n'ay' ishimwe – Umukoresha atanga amafaranga y'urwunguko nay' ishimwe abyibwirije kandi ku bushake, ariko iyo ayemeye biba ari itegeko kuri we kuko bihinduka kimwe mu bigize umushahara w'umukozi.

8. **NTIBAJYINAMA v. UBUSHINJACYAHA; RPAA0078/15/CS**

**Inshingano za Leta z'ibanze mu kubahiriza uburenganzira ku buzima bwiza** – Kuba Leta yarashyizeho amavuriro, abakozi n'ibikoresho ndetse ikorohereza abaturage kubona ubuvuzi buhendutse hakoreshejwe ubwisungane mu kwivuza (mutuelle de santé) bigaragaza ko Leta yujuje inshingano zayo z'ibanze ku burenganzira ku buzima bwiza.

**Uburenganzira bwo kunganirwa kw'abaregwa ibyaha bihanishwa igihano cy'igifungo cya burundu badashobora kwiyishyurira ababunganira** – Mu nyungu z'ubutabera no kubungabunga uburenganzira bwo kunganirwa imbere y'amategeko no ku butabera buboneye muri rusange, abaregwa ibyaha bihanishwa igihano cy'igifungo cya burundu badashobora kwiyishyurira ababunganira, Leta izajye ibagenera ababunganira cyangwa ibashakire abafatanyabikorwa bashobora gutanga ababunganira mu mategeko. Igihe ibyo bitaragerwaho, abagenzacyaha n'abashinjacyaha bakwiye kubisaba Urugaga rw'Abavoka.

**Inama itangwa n'Urukiko rw'Ikirenga (Advisory opinion )**– Inama Urukiko rw'Ikirenga rugira inzego za Leta zibishinzwe kongera gusuzuma ingingo z'itegeko zijyanye n'icyaha cyo kwihekura – Itegeko-Ngenga N° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana ntiritandukanya icyaha cyo kwihekura n'ubwicanyi busanzwe kuko byose bihanishwa igifungo cya burundu kandi rikaba ritagaragaza ingano umwana wishwe agomba kuba atarengeje – Imiterere y'icyaha cyo kwihekura cyane cyane ku bakobwa n'abagore bamaze kubyara itandukanye n'ubwicanyi busanzwe kuko akenshi icyaha cyo kwihekura giterwa no kwiheba, guhangayikishwa no kutazashobora kurera uwo mwana ibi bikaba byamutera guhungabana, mu gihe icyaha cy'ubwicanyi gikoranwa ubugome bukabije, akenshi buba bugamije inyungu ku babukora, urwango, ivangura rikabije n'izindi mpamvu. Bityo icyaha cyo kwihekura ku mubyeyi umaze igihe gito abyaye nticyafatwa nk'icyaha cy'ubugome bukabije gihanishwa igifungo cya burundu, ahubwo hakabayeho igihano kigereranije ushyize mu gaciro n'ibihe icyo cyaha kiba cyakorewemo n'uwagikoze; Urukiko rurasaba inzego za Leta zibishinzwe kongera gusuzuma ingingo z'itegeko zijyanye n'icyaha cyo kwihekura mu buryo gisobanurwa n'imihanire yacyo.

9. **MUSASANGOHE v. NTAKIRUTIMANA; RS/INJUST/RC00023/2017/CS**

**Inyungu yo gutanga ikirego** – Inyungu igomba kuba iriho igihe ikirego gitangwa, ntibyemewe ko umuntu aregera inyungu ishobora kuzabaho mu gihe kizaza.

### II.2.2.2 Kuganira ku manza zaciwe


Buri kwezi abacamanza baganira ku manza baciye, izo baciye zahinduwe mu bujurire n'izo baciye zasubiwemo ku mpamvu z'akarengane, kugira ngo bafate imirongo ngenderwaho ku bibazo bisa bakabitangaza ahabugenewe ku rubuga www.judiciary.gov.rw.

Izo nama kandi zikorerwa raporo igashyikirizwa Ubugenzuzi bw'Inkiko, bukabivanamo ingingo zitavugwaho rumwe zikwiye kuganirwaho mu nama zaguye ku rwego rw'Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo hatangwe icyerekezo ku micire y'imanza ku bibazo runaka. Uyu mwitozo uhoraho ugamije gufasha inkiko guhuza imicire y'imanza ku bibazo bisa no kudahuzagurika mu gufata ibyemezo, gukomeza kungurana ubumenyi no gukorera mu mucyo.

### II.2.2.3 Imanza zahinduwe mu bujurire

Ku manza zaburanishijwe mu bujurire, izahinduwe zakomeje kuba ku rugero rumwe mu myaka itatu ikurikirana nk'uko ishusho ikurikira ibigaragaza.

*Ishusho 14: Imanza zahinduwe mu bujurire*




Imanza zahinduwe mu bujurire ku rwego rwa buri rukiko zigaragara mu mbonerahamwe ikurikira

Imbonerahamwe 8: Imanza zahinduwe mu bujurire

| URUKIKO | IZACIWE MU BUJURIRE | IZO RWAHINDUYE | IJANISHA RY'IZAHINDUWE |
|---|---|---|---|
| INKIKO ZOSE | 15,370 | 1,228 | 8% |
| TGI | 9,400 | 319 | 3% |
| HC | 4,593 | 792 | 17% |
| CHC | 766 | 32 | 4% |
| COA | 477 | 69 | 14% |
| SC | 134 | 16 | 12% |

Urukiko Rukuru ni rwo rwahinduye imanza nyinshi (17%), zikurikirwa n'Urukiko rw'Ubujurire (14%) n'Urukiko rw'Ikirenga rwahinduye 12%.

### II.2.3 Kugenzura ubudakemwa bw'imanza

Muri uyu mwaka, Ubugenzuzi bw'Inkiko bwibanze ku kugenzura imanza abaturage babugaragarije ko zirimo ibibazo. Zimwe muri zo zagaragayemo amakosa zakorewe raporo zishyikirizwa Inama Nkuru y'Ubucamanza.

### II.2.4. Imanza zasubirishijwemo ku mpamvu z'akarengane

Mu rwego rwo kurwanya akarengane gashobora kubaho mu gihe urubanza rwaciwe burundu cyangwa rutagishoboye kujuririrwa, itegeko ryateganyije inzira zishobora gukoreshwa urubanza rugakosorwa. Urugero rw'imanza zibonekamo akarengane, ni kimwe mu bipimo Urwego rw'Ubucamanza rukoresha ngo rusuzume ubudakemwa bw'imanza zaciwe.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zasuzumwe muri urwo rwego kuva muri 2012 itegeko rimaze gutangazwa.

Imbonerahamwe 9: Imanza zasabiwe gusubirwamo n'Urwego rw'Umuvunyi

| Ibisobanuro | Kuva 20/12/2012 kugera 30/06/2016 | Kuva 01/07/2016 kugera 30/06/2017 | Kuva 01/07/2017 kugera 30/06/2018 | Kuva 01/07/2018 kugera 30/06/2019 | Igiteranyo kuva 20/12/2012 kugera 30/06/2019 |
|---|---|---|---|---|---|
| Izakiriwe zivuye ku Rwego rw'Umuvunyi | 220 | 59 | 63 | 109 | 451 |
| Izo Ubugenzuzi bw'inkiko bwarangije gusuzuma | 118 | 82 | 52 | 43 | 295 |
| Izo Ubugenzuzi bw'inkiko bwasabye ko zasubirwamo ku mpamvu z' akarengane | 81 | 61 | 45 | 29 | 216 |
| Izo Ubugenzuzi bw'inkiko bwasanze nta karengane karimo | 37 | 21 | 7 | 13 | 78 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| Imanza zabayemo ubwumvikane ku rwego rw'Ubugenzuzi bw'Inkiko | 0 | 0 | 0 | 1 | 1 |
| Izarangije kuburanishwa | 36 | 21 | 78 | 51 | 186 |
| Izaburanishijwe zabonetse mo akarengane | 28 | 16 | 57 | 19 | 120 |
| Izaburanishijwe n'Urukiko rw'Ikirenga zitabonetse mo akarengane | 8 | 5 | 21 | 32 | 66 |

Nk'uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza, Urwego rw'Umuvunyi rumaze kohereza mu Rukiko rw'Ikirenga imanza 451 kuva muri 2012 kugeza 30 Kamena 2019. Muri izo manza harimo 186 zaciwe, 78 Ubugenzuzi bw'Inkiko bwasanze nta karengane karimo, n'urubanza 1 Ubugenzuzi bw'inkiko bwashoboye kumvikanisha ababuranyi. Muri izo zaciwe, imanza 120 ni zo zagaragayemo akarengane.

# III. IMIYOBORERE NO KUBAKA UBUSHOBOZI BW'URWEGO RW'UBUCAMANZA

Imiyoborere ihamye ni yo ituma izindi ntego z'Urwego rw'Ubucamanza zigerwaho. Iki gice kiribanda ku byakozwe kuva muri 2011/2012 kugeza ubu mu rwego rw'imiyoborere, gushaka abakozi, kongera ubushobozi bw'abakozi, kurwanya ruswa no kwita ku myitwarire, kubonera inkiko aho zikorera n'ibikoresho bya ngombwa kimwe n'ingengo y'imari yakoreshejwe.

## III.1 Kuboneza imiyoborere

Mu rwego rwo kuboneza imiyoborere hari ingamba zakoreshejwe kuva 2011/2012 zirimo :

- Umwiherero w'abacamanza n'abanditsi b'inkiko aho Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akanaba Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza yagiye ahura nabo bagasuzuma ibibazo biboneka mu micire y'imanza n'imyitwarire, hagafatwa ingamba zo kubikemura.
- Inama zihuza abayobozi b'inkiko buri gihembwe hagamijwe gusuzuma ibyakozwe no gufata ingamba zo kurushaho kunoza imikorere,
- Gusura inkiko hirya no hino mu gihugu hagamijwe kureba ibibazo zifite no kubishakira umuti,
- Kurwanya ruswa mu nkiko no kwita ku myitwarire y'abakozi,
- Gushimangira imikoranire n'izindi nzego zaba izo mu Rwanda no hanze yarwo.

### III.1.1 Umwiherero

Kuva muri 2011/2012 hakozwe umwiherero mu bihe bitandukanye.

Imbonerahamwe 10: Umwiherero

| Ahantu n'itariki | Abawitabiriye | Insanganyamatsiko |
|---|---|---|
| Nyamata,<br>29 Nyakanga 2018 | Abacamanza b'Urukiko rw'Ubujurire n'urw'Ikirenga | Kubaka ubutabera buha ikizere ababugana |
| Kivu Serena Hotel,<br>1 Ukuboza 2016 | Abacamanza b'inkiko nkuru | Isesengura ry'ibibazo bigaragara mu ikoreshwa ry'amategeko mu guca imanza |
| Gabiro, 2 Nzeli 2015 | Abacamanza n'abanditsi b'inkiko | Kubaka ubutabera buha ikizere abatugana |

| | | |
|---|---|---|
| Centre d'accueil Mater Boni Consili Huye, 23 Werurwe 2015 | Amahugurwa y'iminsi ibiri ku bacamanza b'inkiko zisumbuye n'iz'ibanze | Gahunda ya Ndi Umunyarwanda |
| Centre Pastoral Notre Dame de Fatima, Musanze 20 Kanama 2014 | Abanditsi b'inkiko zose mu Rwanda | Ndi Umunyarwanda |
| Gabiro 18 Ukuboza 2013 | Abacamanza | Umwiherero usanzweho no kuganira kuri gahunda za Ndi Umunyarwanda |
| Gabiro 31 Kanama - 7Nzeri 2017 | Abacamanza n'abanditsi, n'abakozi b'inkiko | Guharanira ubutabera bugamije kubaka igihugu Abanyarwanda bishimira kubamo. |

### III.1.2 Inama mbonezamikorere

Izi nama ziba buri gihembwe ku rwego rw'Urukiko rw'Ikirenga zihuza abayobozi b'inkiko na Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, hagasuzumwa ibyagezweho, ibitaragezweho n' imbogamizi zabonetse bagafatira hamwe ingamba zo kurushaho kunoza imikorere, bagasuzuma ibibazo biba byagaragaye bigafatirwa ingamba.

### III.1.3 Gusura inkiko

Kuva muri 2011/2012 kugeza mu mpera za Kamena 2019, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yasuye ingereko zose z'Urukiko Rukuru, inkiko zisumbuye zose na nyinshi mu nkiko z'ibanze. Ibyo byakozwe muri gahunda yo kwirebera uko akazi gakorwa muri rusange, kurebera hamwe n'abakozi bo muri izo nkiko uburyo bwo kunoza imikorere, imbogamizi bahura nazo no gushakira hamwe ibisubizo.

Iyi gahunda yakozwe mu buryo bukurikira:

Habanje gusurwa inkiko zo mu Mujyi wa Kigali n'Urukiko rwisumbuye rwa Gicumbi.

**15 – 16 Ugushyingo 2012:** Urugereko rw'Urukiko Rukuru rwa Nyanza, Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Huye, Inkiko zisumbuye za Muhanga, Huye na Nyamagabe na zimwe mu nkiko z'ibanze ziri mu mafasi yazo.

**9 – 10 Gicurasi 2013:** Urugereko rw'Urukiko Rukuru rwa Rusizi, Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi na zimwe mu nkiko z'ibanze zo mu ifashi yarwo.

**20 – 22 Gashyantare 2014:** Ishami ry'Urugereko rw'Urukiko Rukuru rwa Rusizi rikorera i Karongi, Urukiko Rwisumbuye rwa Karongi na zimwe mu nkiko z'ibanze ziri mu ifasi yarwo.

**14 – 15 Gicurasi 2014:** Urukiko Rwisumbuye rwa Nyagatare n'inkiko z'ibanze zirugize.

**10- 13 Gashyantare 2015**: Urugereko rw'Urukiko Rukuru rwa Musanze. Inkiko zisumbuye za Rubavu, Musanze na zimwe mu nkiko z'ibanze ziri mu mafasi yazo

**20 – 21 Nyakanga 2017:** Urugereko rw'Urukiko Rukuru rwa Rwamagana, Urukiko rwisumbuye rwa Ngoma na zimwe mu nkiko z'ibanze zo mu ifasi yarwo.

**14 – 15 Gashyantare 2018**: Urugereko rw'Urukiko Rukuru rwa Rusizi na zimwe mu nkiko zo muri iyo fasi.

**7 Gicurasi 2018:** Urugereko rw'Urukiko Rukuru rwa Nyanza, Inkiko zisumbuye zibarizwa muri urwo rugereko na zimwe mu nkiko z'ibanze zo muri iyo fasi.

### III.1.4 Kurwanya ruswa mu nkiko no kwita ku myitwarire y'abakozi

#### III.1.4.1 Guharanira imyitwarire iboneye ku bacamanza n'abandi bakozi b'inkiko

Imyitwarire izira amakemwa ku bacamanza n'abandi bakozi b'inkiko ni ishingiro ryo kugera ku ntego yo gutanga ubutabera bunoze. Urwego rw'Ubucamanza ruzirikana ko rufite inshingano ikomeye yo gukemura amakimbirane kandi ko kubigeraho bisaba ubunyangamugayo ku rwego rwo hejuru. Abakozi b'uru rwego basabwa kubahiriza amahame mbonezamwuga no kugira imyitwarire ikwiye cyane cyane birinda ruswa n'indi myitwarire yatuma rubanda batakariza icyizere gikwiye Urwego rw'Ubucamanza.

Abatatiye uyu murongo barabihanirwa binyuze mu nzira zateganijwe n'amategeko.

Kuva muri 2011/2012 kugeza muri Kamena 2019, hafashwe ibyemezo bitandukanye ku madosiye y'imyitwarire yaregewe Inama Nkuru y'Ubucamanza nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe 11: Imibare y'abahanwe n' Inama Nkuru y'ubucamanza

| | **Abirukanywe** | | **Abagawe** | | **Abambuwe inshingano z'ubuyobozi** | | **Abakaswe umushahara** | | **Abahagaritswe by'agateganyo** | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Umwaka** | Umucamanza | Umwanditsi | Umucamanza | Umwanditsi | Umucamanza | Umwanditsi | Umucamanza | Umwanditsi | Umucamanza | Umwanditsi | Bose |
| **2011/2012** | 3 | 2 | | | | | | | | | 5 |
| **2012/2013** | 1 | 2 | | | | | 2 | | 1 | | 6 |
| **2013/2014** | | | | | | | 2 | | 1 | 1 | 4 |
| **2014/2015** | 3 | | 1 | | 1 | | | | | | 5 |
| **2015/2016** | | 2 | 3 | | | | | | | | 5 |
| **2016/2017** | 1 | 3 | 1 | | 1 | | | | | | 6 |
| **2017/2018** | 1 | 3 | 4 | | 0 | | | | | | 8 |
| **2018/2019** | 1 | | | | 1 | | | | | | 2 |
| **Igiteranyo** | **10** | **12** | **9** | | **3** | | **4** | | **2** | **1** | **41** |

Muri iyi myaka umunani, mu bacamanza n'abanditsi bitabye Inama Nkuru y'Ubucamanza, 41 bahawe ibihano ku buryo bukurikira : 22 barirukanwe, 9 baragawe, 3 bamburwa inshingano z'ubuyobozi, 4 bakatwa umushahara, 3 bahagarikwa by'agateganyo.

### III.1.4.2 Gukangurira abaturage kwirinda no kwamagana ruswa

Mu rwego rwo gukangurira abaturage kwirinda ruswa no kuyamagana, Urwego rw'Ubucamanza rukoresha inzira ebyiri: gutanga ubutumwa mu itumanaho (Radiyo, Televiziyo n'itangazamakuru ryandika) n'icyumweru ngarukamwaka cyahariwe kurwanya ruswa mu nkiko.

Icyumweru cyo kurwanya ruswa mu nkiko gitangizwa n'ikiganiro mbwirwaruhame gihuza Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga n'abanyamakuru. Hatangwa ibiganiro kuri Tereviziyo n'amaradiyo atandukanye akorera mu gihugu, mu magereza, mu mashuri n'ahandi hahurira abantu benshi. Mbere yo kuburanisha, abacamanza n'abakozi b'inkiko batanga ibiganiro ku bubi bwa ruswa bakanakangurira ababuranyi kuyigendera kure no gutanga amakuru y'abasaba n'abakira ruswa.

Kuva muri 2011/2012, icyumweru ngarukamwaka cyo kurwanya ruswa kibanze ku nsanganyamatsiko zikurikira:

Imbonerahamwe 12: Icyumweru ngarukamwaka cyo kurwanya ruswa

| Umwaka | Intara / Umujyi wa Kigali | Akarere | Ifasi y'Urukiko | Insanganyamatsiko |
|---|---|---|---|---|
| 2011 | Umujyi wa Kigali | Gasabo | Urukiko rw'Ikirenga (HQs) | Ruswa ni kirazira mu nkiko |
| 2012 | Umujyi wa Kigali | Gasabo | Urukiko rw'Ikirenga (HQs) | Guhishira ruswa ni kimwe no kuyishyigikira |
| 2013 | Umujyi wa Kigali | Gasabo | Urukiko rw'Ikirenga (HQs) | Ruswa itesha agaciro uyitanze n'uyakiriye |
| 2014 | Umujyi wa Kigali | Gasabo | Urukiko rw'Ikirenga (HQs) | Gutanga ruswa bihabanye n'indangagaciro z'Umunyarwanda nyawe. Tuyamagane |
| 2015 | Amajyaruguru | Musanze | Urugereko rwa Musanze | Ruswa imunga ubumuntu, ikakugira ikintu. Tuyamagane ! |
| 2016 | Amajyepfo | Nyanza | Urugereko rwa Nyanza | Amagana ruswa, wubake u Rwanda ruzira akarengane |
| 2017 | Kigali | Gasabo | Urukiko rw'Ikirenga (HQs) | Uburenganzira ntibugurwa, dufatanye guca ruswa |
| 2018 | Iburengerazuba | Rusizi | Urugereko rwa Rusizi | Ruswa ni umwanzi w'iterambere ry'Igihugu. Tuyamagane |
| 2019 | Iburasirazuba | Nyagatare | TGI Nyagatare | Nta kibazo gikemurwa na ruswa mu rukiko. Izere ubutabera |

### 3.1.4.2 Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko zose

Abakozi b'inkiko bishyiriyeho Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko. Izi komite ziri ku rwego rw'Inkiko zisumbuye no mu Rukiko Rukuru. Zishinzwe gukusanya amakuru arebana na ruswa mu nkiko no kuyageza ku nzego zibishinzwe. Zitanga inama kandi ku bakozi bakekwaho ruswa.

Izi komite zatanze umusaruro ushimishije, kuko zabashije gutahura abantu biyita abakozi b'inkiko bakambura abaturage babizeza ko bazatsinda imanza. Abafashwe bashyikirijwe inzego z'ubutabera zibifitiye ububasha.

### 3.1.4.3 Gukorera mu mucyo

Urwego rw'Ubucamanza rwashyize imbaraga mu gukoresha ikoranabuhanga rifasha cyane gukorera mu mucyo aho umuturage ndetse n'Ubuyobozi babasha gukurikirana icyakozwe kuri buri rubanza n'uwagikoze. Ibi byatumye kugira ubwiru ibikorwa ku rubanza byashoboraga kuganisha kuri ruswa bicika. Ibikorwa mu manza bikurikiranirwa muri IECMS, naho amakuru ajyanye na ruswa n'imikorere idahwitse agatangwa hifashishijwe ikoranabuhanga rya SOBANUZAINKIKO (www.sobanuzainkiko.org ).

### III.1.4.5 Gukusanya imibare y'abahamwe n'icyaha cya ruswa

Buri gihembwe, Urwego rw'Ubucamanza rukora raporo igaragaza abahamwe n'icyaha cya ruswa n'ibyiciro by'imirimo bakora, n'ibihano bahawe ndetse n'abagizwe abere. Iyi raporo ishyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi rukayitangaza nk'uko biteganywa n'Itegeko no 27/2003 ryo kuwa 15/8/2003 rigena imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi.

Isesengura ry'ibihano bitangwa muri iyo raporo bituma Urwego rw'Ubucamanza rufata ingamba zikwiye mu guhashya ruswa, haba mu rwego rwo kuburanisha imanza iregwamo cyangwa ku bihano bitangwa.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ababuranishijwe ku cyaha cya ruswa, ibyemezo inkiko zafashe muri izi manza, n'icyiciro cy'imirimo ku baregwa.

Imbonerahamwe 13: Imibare y'ababuranishijwe ku cyaha cya ruswa muri 2018/2019

| **Umwanzuro w'urukiko** | **A** | **B** | **C** | **D** | **E** | **F** | **G** | **H** | **Bose hamwe** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Abahamwe n'icyaha burundu | 41 | 17 | 0 | 71 | 20 | 16 | 56 | 20 | 241 |
| Abahamwe n'icyaha bajuriye | 22 | 9 | 1 | 52 | 13 | 16 | 25 | 17 | 155 |
| Abatahamwe n'icyaha | 19 | 12 | 0 | 52 | 14 | 26 | 28 | 19 | 170 |
| **Igiteranyo** | **82** | **38** | **1** | **175** | **47** | **58** | **109** | **56** | **566** |

Inyuguti zigaragara muri iyi mbonerahamwe zifite ubusobanuro bukurikira:

**A**= Abahinzi/umurobyi/ koza ibinyabiziga/Umunyeshuri; **B**= Abakozi b'inzego z'ibanze; **C**= Komite y'abunzi

**D**= Rwiyemezamirimo; **E**= Abapolisi/DASSO/Abasekirite/Inkeragutabara;

**F**= Umunyamabanga uhoraho/Umukozi w'Akarere/Umukozi muri Ewasa/Agronome

**G**= Umushoferi/umumotari; **H**= Icyo bakora ntikizwi

